No 239 Janv-Fev2022

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## KOMISIYO Y'IHURIRO MBONEZABUPFURA NO GUKEMURA AMAKIMBIRANE YATERANYE MU NAMA YAYO ISANZWE YA BURI GIHEMBWE ISUZUMA INGINGO ZINYURANYE

Kuwa 26 Mutarama 2022, mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro, hateraniye inama isanzwe ya Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura Amakimbirane. Kuri gahunda y'inama ya Komisiyo y'uyu munsi, harimo (1) Gukomeza kunoza Igitabo cy'uburyo bw'Imiyoborere n'icungamutungo by'Ihuriro, no (2) Kugezwaho uko igikorwa cyo gukurikirana amatora y'abayobozi b'Inzego z'ibanze n'ab'Inama z'Igihugu yabaye mu Ukwakira - Ugushyingo 2021 cyagenze.



Atangiza inama, Perezida wa Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirana, Hon. NKUSI Juvenal, yifurije abagize Komisiyo umwaka mushya muhire wa 2022, anaha ikaze Bwana TWAMIHIGO Darius, umwe mu bagize Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane wemejwe n'Inama Rusange yo ku itariki ya 16 Ukuboza 2021; akaba yarasimbuye Bwana SIBOMANA Aboubakar (bose baturuka mu Mutwe wa Politiki PDI).

Ku birebana no gukomeza kunoza igitabo cy'uburyo bw'imiyoborere n'icungamutungo by'Ihuriro, Hon. Nkusi yibukiJe ko Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane imaze igihe inoza iki gitabo, ndetse n'Inama Rusange y'Ihuriro yo kuwa 20 Nzeri 2020 ikaba yaratanze umurongo n'inama bizakurikizwa mu kunoza icyo gitabo. Icyo gihe inama Rusange y'Ihuriro yasabye ko mu kunoza igitabo hazitabwa kuri Filozofi y'Ihuriro n'impamvu yatumye rijyayo nk'Urwego politiki. Ikindi Inama Rusange yasabye ko Igitabo cyazaza cyuzuye, giherekejwe n'amabwiriza hamwe n'imigereka ifasha mu ishyirwa mu bikorwa ryacyo.

Mu kunoza, igitabo abagize Komisiyo basuzumye inyandiko y'isobanurampamvu rirebana n'ivugururwa ryacyo ari nayo izifashishwa na Perezida wa Komisiyo mu kugeza ku Inama Rusange, ibikubiye mu gitabo cy'uburyo bw'imiyoborere n'icungamutungo cy'Ihuriro cyavuguruwe.
Bwana Sindayiheba Fabien, Umuyobozi w'Ishami ry'Itumanaho n'Imirimo ya Komisiyo Zihoraho mu Ihuriro yahawe umwanya agaragaza ibice bigari bigize igitabo.

Yavuze ko Igitabo cyanogejwe kigizwe n'ibice bigari bikurikira: ***Intangiriro rusange*** ikubiyemo ibirebana n'icyerekezo cy'Ihuriro; inshingano z'Ihuriro; indangagaciro Ihuriro rigenderaho; abagize Ihuriro, inzego z'Ihuriro n'inshingano zazo.
Hari kandi igice kirebana n'***imicungire y'abakozi***. Muri iki gice, hakubiyemo ingingo zinyuranye zirebana n'imicungire y'abakozi b'Ihuriro, kuva ku cyemezo cyo kubonera Ihuriro umukozi, kugeza ku kuba umukozi atakibarwa nk'umukozi w'Ihuriro. Ihuriro rikaba rifite ubwigenge mu gushaka no gushyiraho abakozi bo mu Bunyamabanga Nshingwabikorwa. Abakozi b'Ihuriro bajyaho hashingiwe ku nzego z'imirimo, inshingano n'ibibagenerwa byemejwe n'Inama Rusange.
Mu gice kirebana n'***imicungire y'imari n'umutungo w'Ihuriro***, hakubiyemo ibi bikurikira: imicungire y'imari n'umutungo by'Ihuriro; imikoreshereze y'ingengo y'imari; imicungire y'imari y'Ihuriro;imicungire y'umutungo wimukanwa; imicungire y'umutungo utimukanwa; no kwivanaho umutungo.

Muri iki gice hashimangirwa ko mutungo w'Ihuriro ugomba gucungwa neza, hirindwa gusesagura, kwangiza, gukoresha nabi uwo mutungo waba umutungo w'imari, umutungo wimukanwa, ndetse n'umutungo utimukanywa.

Ibindi bice by'ingenzi bikubiye muri iki gitabo ni ibirebana n'***itangwa ry'amasoko mu Ihuriro; imikoranire y'Ihuriro n'abafatanyabikorwa baryo; guhanahana amakuru no kumenyekanisha ibikorwa byaryo***; hagasoza igice kirebana n'***igenzura ry'umutungo n'imari by'Ihuriro***.
Abari mu nama bashimye ko ibitekerezo byose byatanzwe n'Inama Rusange byitaweho mu kunoza igitabo, kandi bikaba bigaragara no mu isobanurampamvu ryacyo. Abagize Komisiyo bemeje ko igitabo cy'uburyo bw'imiyoborere n'imicungire y'imari n'umutungo by'Ihuriro, cyanogejwe na Komisiyo Mbonezabupfura gishyikirizwa Biro y'Ihuriro kikazashyirwa kuri gahunda y'inama y'Inama Rusange itaha.

***Uko igikorwa cyo gukurikirana amatora y'abayobozi b'Inzego z'Ibanze cyagenze***

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana GISAGARA Theoneste, yahawe umwanya agaragaza ibikubiye muri raporo yo gukurikirana imyiteguro n'imigendekere y'ayo matora.

Yavuze ko Ihuriro ryakurikiranye amatora yo ku itariki ya 13 Ugushyingo 2021, ku munsi hatowe Abajyanama b'abagore bangana na 30% by'abagize Inama Njyanama y'Akarere, n'iryo ku wa 19 Ugushyingo 2021 hatorwa abagize Biro y'Inama Njyanama na Komite Nyobozi y'Akarere.


Yamenyeshyeje abari mu nama ko tariki ya 20 Ugushyingo 2021, abayobozi b'amatsinda y'indorerezi z'Ihuriro bahuriye ku Biro by'Ihuriro batanga raporo y'uburyo amatora yagenze mu Turere 27 two mu Ntara zose. Indorerezi z'Ihuriro zikaba zaragaragaje ko muri rusange amatora yagenze neza, haba mu myiteguro yayo, mu itora nyir'izina, kubara amajwi, ndetse n'ibyayavuyemo byakiriwe neza n'inteko itora.
Ku birebana n'ubwitabire, indorerezi z'Ihuriro zigaragaza ko ubwitabire bw'inteko itora mu matora yo ku itariki ya 13/11/2021 bwari 90.25% naho mu matora yo ku itariki ya 19/11/2021 ubwitabire bwari 94.93%. Muri rusange, indorerezi z'Ihuriro zisanga amatora zakurikiranye yaritabiriwe ku rugero rwa 92.6%.

Ku matora indorerezi zaryo zakurikiranye, **Ihuriro ryashimye**: (1) ubushake Abanyarwanda b'ingeri zinyuranye, cyane cyane abagore bagaragaje bwo guhatanira kujya mu Nzego z'ubuyobozi kugira ngo bakomeze kugira uruhare mu miyoborere n'iterambere by'u Rwanda; (2) ubufatanye bwaranze Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Inzego z'Ubuyobozi bw'Igihugu, Inzego z'Umutekano n'abaturage kugira ngo aya matora ategurwe kandi agende neza; (3) Ihuriro ryashimye ko aya matora yakozwe hakurikijwe amategeko n'amabwiriza ayagenga ndetse n'ibyayavuyemo bikaba byarakiriwe neza n'abakandida kimwe n'abagize inteko itora.

**Mu byanozwa mu matora ataha**, Ihuriro ryagaragaje ibi bikurikira: (1) Gukomeza kongerera abakorerabushake bayo ubumenyi n'ubushobozi kugira ngo barusheho gusobanukirwa inshingano zabo mu birebana n'imitegurire n'imigendekere y'amatora ategurwa mu Rwanda; (2) Gukorana bya hafi n'izindi Nzego bireba kugira ngo ku matora asaba ko inteko itora ibanza kurahira, hajye hateganywa kare abacamanza bahagije barahiza, kugira ngo hirindwe ubucyererwe bwaterwa n'uko inteko itora yatinze kurahizwa; (3) Guteganya ubwihugiko buhagije hashingiwe ku mubare w'inteko itora kuri buri site y'itora kugira ngo byihutishe igikorwa; (4) Kwihutira kumenyesha abafatanyabikorwa ba Komisiyo y'Igihugu y'Amatora aho amatora yasubitswe n'aho site z'itora zahindutse.

Umwanzuro w'indorerezi z'Ihuriro ukaba ugaragaza ko amatora y'abayobozi b'Inzego z'ibanze n'ab'Inama z'Igihugu yo mu Ukwakira - Ugushyingo 2021, yateguwe kandi akorwa mu mucyo, mu bwisanzure, mu mutekano, kandi ibyayavuyemo bikaba byarakiriwe neza.
Mu kungurana ibitekerezo, abagize Komisiyo bashimye ko Ihuriro ryohereje indorerezi zaryo gukurikirana amatora mu Turere 27 tw'u Rwanda, kandi akaba yaragenze neza.

## MU GUTANGIZA ICYICIRO CYA 17 CY'AMAHUGURWA ATANGIRWA MU ISHURI RY'URUBYIRUKO MU BYA POLITIKI N'IMIYOBORERE/YPLA HASABWE KUZUBAHIRIZA AMABWIRIZA YOSE YO KWIRINDA COVID-19



Kuri wa kabiri tariki ya 08 Gashyantare 2022, ubwo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki/ NFPO Bwana GISAGARA Theoneste yatangizaga ku mugaragaro icyiciro cya 17 cy'amahugurwa atangirwa mu ishuri ry'urubyiruko mu bya politiki n'imiyoborere/YPLA hasabwe kuzubahiriza amabwiriza yose yo kwirinda covid 19.
Muri aya masomo ari gutangirwa mu Mujyi wa Kigali, mu Karere ka Gasabo, ku Kacyiru aho iri Huriro rikorera, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yahaye ikaze urubyiruko rwitabiriye iyi gahunda y'amahugurwa anashimira Imitwe ya Politiki yabohereje, yashimye kandi uru rubyiruko rwemeye kuza gukurikira aya mahugurwa. Avuga ko ari amahugurwa y'ingirakamaro bazungukiramo ubumenyi bubafasha gutera imbere mu mwuga wa Politiki biyemeje.
Agaruka ku mavu n'amavuko y'iri shuri, yababwiye ko ryatangiye mu mwaka wa 2010 mu Mujyi wa Kigali. Ahateguwe amasomo y'igerageza (Pilot phase), nyuma mu mwaka wa 2011, Inama Rusange y'Ihuriro yemeje ko hategurwa gahunda ihoraho yo kongerera urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki, ubumenyi n'ubushobozi mu bya politiki n'imiyoborere. Nyuma y'iki cyemezo cy'Inama Rusange nibwo hatangiye gutegurwa aya mahugurwa mu Ntara zose.

Yibutsa ko kugira ngo intego z'iri shuri zigerweho, hateguwe amasomo anyuranye ahabwa urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki. Amwe muri yo yibanda ku bumenyi bw'ibanze muri Politiki, kuko bagomba gusobanukirwa icyo politiki ari cyo, n'uburyo ifasha mu micungire n'imiyoborere y'Igihugu n'umuryango w'abantu muri rusange. Avuga ko bazasobanurirwa ko Igihugu cyacu cyahisemo kugendera kuri Politiki ishingiye ku Mitwe ya Politiki myinshi n'ibitekerezo bya politiki binyuranye ariko byose byubahiriza Ihame ry'ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu.
Yavuze ko muri ayo masomo kandi bazasobanurirwa uruhare rw'Imitwe ya politiki mu miyoborere n'iterambere rusange ry'Igihugu. Uretse amasomo asanzwe bazabona, bazagira n'umwanya wo kuganira n'inzego zinyuranye, zirimo SENA, MINUBUMWE, MINALOC, na MINICOM.

Avuga ku biga muri YPLA n'abayigishamo, yababwiye ko muri iri shuri higamo urubyiruko rutarengeje imyaka 30, rufite intera y'ubumenyi irufasha gukurikira amasomo neza (rwiga cyangwa rwarangije kaminuza). Buri Mutwe wa Politiki ukaba warohereje abasore 2 n'abakobwa 2, bose hamwe akaba ari 44. Yibukije ko ihame Ihuriro rigenderaho ari uko Imitwe ya Politiki irigize yose ifatwa kimwe mu bikorwa byose ritegura no mu nama zaryo.

Yabwiye uru rubyiruko ko abarimu babigisha ni abahanga bafite ubumenyi bukenewe kuri buri somo na buri kiganiro, bakaba babafasha kunguka byinshi mu mwuga wa politiki. Avuga ko Uruhare runini ruzaba urwabo, abasaba kuzigana umwete, nta gusiba, bakabaza ibyo badasobanukiwe, ariko bakanitabira gukora ubushakashatsi bagasoma kenshi.
Ababwira ko muri iri ishuri, abaryigamo barangwa n'indangagaciro yo kubahana no gutanga ibitekerezo byubaka.

Yabamenyesheje ko kuva muri 2010, kugeza tariki 31/12/2021, iri shuri rifite abaryizemo 1,204 bagizwe n'ab'igitsina gabo 50.4% n'ab'igitsina gore 49.6%. Aba bose baturuka mu Mitwe ya politiki 11 igize Ihuriro. Bamwe mubarirangijemo bari mu nzego zinyuranye z'ubuyobozi bw'Imitwe ya Politiki, abandi bari mu zindi nzego z'ubuyobozi bw'Igihugu.
Yasoje abasaba kuzubahiriza amabwiriza yose yo kwirinda Covid 19, kandi ko yizera ko buri wese yamaze kwikingiza byuzuye, ndetse bamwe bakaba baramaze no gufata urukingo rushimangira. Abasaba kuzakomeza kwipimisha hakurikijwe gahunda izajya itangazwa n'Inzego z'ubuzima, kwambara neza agapfukamunwa, gukaraba intoki kenshi, cyangwa gukoresha handsanitizer.

Avuga ko izi ngamba bazajya bazibukiranya kenshi kugira ngo bizafashe kwiga batekanye.

Muri icyi cyiciro cya cumi na karindwi (17), uru rubyiruko rwatoranyijwe mu Mujyi wa Kigali ruzajya rwigira ku cyicaro cy'Ihuriro
Biteganyijwe ko aya masomo azamara ibyumweru bitandatu, kuva tariki ya 08 Gashyantare 2022 kugera tariki ya 24 Werurwe 2022.

## KOMISIYO Y'IHURIRO ISHINZWE ITUMANAHO NO KUNGURANA IBITEKEREZO YASHIMYE KO IMBUGA ZA INTERINETI (WEBSITES) Z'IMITWE YA POLITIKI ZIMURIWE MU BUBIKO BW'IMBERE MU GIHUGU

Kuwa 11 Gashyantare 2022, mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro, hateraniye inama isanzwe ya Komisiyo Ishinzwe Itumanaho no Kungurana Ibitekerezo. Muri iyi nama, abayitabiriye bashimye ko imbuga za interineti (websites) z'imitwe ya politiki zimuriwe mu bubiko bw'imbere mu Gihugu (National Data Center), zinahabwa akarango ka **.rw**.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro, Bwana GISAGARA Theoneste wagejeje iyi raporo y'uko imbuga za Interineti z'Imitwe ya politiki zimuriwe mu bubiko bw'Igihugu zikanahabwa akarango ka **.rw** yabwiye abagize Komisiyo ko igitekerezo cyo kwimurira mu Rwanda Websites z'Imitwe ya Politiki n'iy'Ihuriro cyafatiwe mu mahugurwa y'iminsi ibiri yibanze ku "**Imicungire y'imbuga za interineti z'Imitwe ya politiki n'uburyo zakoreshwa neza mu kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'Igihugu muri rusange**".

Aya mahugurwa yabereye muri CLUB HOUSE LA PALISSE HOTELS, iri mu Karere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba, ku matariki ya 12 - 13 Kamena 2021. Akaba yaritabiriwe n'abantu 33 baturuka mu Mitwe ya Poliki Ihuriro ryishyurira ifatabuguzi ryo kubika Websites zayo (Web hosting).

Yavuze ko imwe mu ntego z'aya mahugurwa harimo "Kumenya uko bacunga umutekano w'urubuga rwa interineti rw'Umutwe wa Politiki". Muri aya mahugurwa Ikigo RISA (Rwanda Information Society Authority) cyatanze ikiganiro cyibanze k'"**Ubumenyi bw'ibanze ku rubuga rwa interneti n'imbuga nkoranyambaga, n'amategeko agenga imikoreshereze yazo mu Rwanda".** Intumwa ya RISA yasoje ikiganiro cyayo igaragaza ko Leta yafashe umurongo w'uko Imbuga za Interineti z'Inzego zayo n'izindi, zikwiye kuba zibitse mu bubiko bw'Igihugu kugira ngo zirusheho gucungirwa umutekano w'amakuru azinyuzwaho. Abwira abagize Komisiyo ko mu gushyira mu bikorwa iyi myanzuro, Ihuriro ryihutiye gutanga isoko ryo gushaka rwiyemezamirimo uzimurira Imbuga za Interineti mu Rwanda muri National Data Center icungwa n'Ikigo AOS.

Yavuze ko mu rwego rwo gukurikiranira hafi uko Imbuga za Interineti z'Imitwe ya Politiki n'urw'Ihuriro zimurirwa muri National Data Center, Ihuriro ryandikiye Umuyobozi Mukuru w'Ikigo AOS ifite mu nshingano zayo imicungire ya National Data Center, rinandikira Ikigo RISA ribimenyesha ko iki gikorwa cyatangiye, ko kandi gikorwa na Company BDSS kugira ngo bajye bafasha gukurikirana ko bikorwa neza, hakarebwa ko umwirondoro (code) ya buri Website iva kuri **.org** ikaba **.rw.**

Avuga ku musaruro wabonetse, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yasobanuye ko Websites z'Imitwe ya Politiki icyenda n'iy'Ihuriro zamaze kwimurirwa mu bubiko bw'Igihugu (National Data center) ; buri Website y'Umutwe wa Politiki ikaba ifungurirwa kuri domaine ya **.rw**.
Yasoje avuga ko Ihuriro rishima ko ryashoboye gushyira mu bikorwa umwanzuro wafatiwe mu mahugurwa yateguwe na Komisiyo y'Itumanaho no kungurana ibitekerezo. Websites z'Imitwe ya Politiki icyenda n'iy'Ihuriro zikaba zibitse mu bubiko bw'Igihugu (National Data center).
Abagize Komisiyo nabo bashimye uko iki gikorwa cyateguwe n'uko cyashyizwe mu bikorwa, biyemeza ko bazakomeza gushishikariza Imitwe ya Politiki bakomokamo gushyira inkuru nshya kuri izo mbuga no gukomeza kuzikurikiranira hafi kugira ngo zifashe Imitwe ya Politiki kuyimenyekanisha.

Muri iyi nama kandi abagize Komisiyo bamenyeshejwe aho gahunda yo gutangiza icyiciro cya 17 cy'amahugurwa atangirwa mu ishuri ry'urubyiruko mu bya politiki n'imiyoborere/YPLA yagenze.

Aha Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yababwiye ko aya masomo ari gutangirwa mu Mujyi wa Kigali, mu Karere ka Gasabo, ku Kacyiru aho iri Huriro rikorera.

Yibutsa ko kugira ngo intego z'iri shuri zigerweho, hateguwe amasomo anyuranye ahabwa urubyiruko rwo mu Mitwe ya Politiki. Amwe muri yo yibanda ku bumenyi bw'ibanze muri Politiki, kuko bagomba gusobanukirwa icyo politiki ari cyo, n'uburyo ifasha mu micungire n'imiyoborere y'Igihugu n'umuryango w'abantu muri rusange. Avuga ko bazasobanurirwa ko Igihugu cyacu cyahisemo kugendera kuri Politiki ishingiye ku Mitwe ya Politiki myinshi n'ibitekerezo bya politiki binyuranye ariko byose byubahiriza Ihame ry'ubwumvikane n'ubumwe bw'Igihugu.

Yavuze ko muri ayo masomo kandi bazasobanurirwa uruhare rw'Imitwe ya politiki mu miyoborere n'iterambere rusange ry'Igihugu. Uretse amasomo asanzwe bazabona, bazagira n'umwanya wo kuganira n'inzego zinyuranye, zirimo SENA, MINUBUMWE, MINALOC, na MINICOM.
Ababwira ko muri iri ishuri, abaryigamo barangwa n'indangagaciro yo kubahana no gutanga ibitekerezo byubaka,asaba abagize Komisiyo kujya bibutsa abo Imitwe ya politiki yohereje kuyakurira kubahiriza iyi mitwarire .

Yababwiye ko biteganyijwe ko aya masomo azamara ibyumweru bitandatu, kuva tariki ya 08 Gashyantare 2022 kugera tariki ya 24 Werurwe 2022.
Abagize Komisiyo bashimye uko iyi gahunda ya YPLA itegurwa n'Ihuriro itanga umusaruro mu Mitwe ya Politiki no mu Gihugu muri rusange, basaba ko yakomeza gutegurwa no mu zindi Ntara nk'uko bisanzwe bikorwa.